file
2 mss.
15/3/98.

# ITANGIZWA RY'INGANDO Y'URUBYIRUKO YA RUGENDE

Ingando ya Rugende yatangijwe ku mugaragaro ku itariki ya 4/3/1998. Twibutse ko iyo ngando yateguwe n'imiryango itatu ariyo : JOC-KIGALI , SOCHRA (Solidarité Chrétienne Active ) na ECOSOL (ECO-Solidarité). Iyo ngando ihuje urubyiruko 161 rwaturutse mu makomini 5 ariyo Bicumbi (34) , Kanzenze (39), Gikoro (30) na Kanombe (29). Ayo makomini yose n'ayo muri kigali-ngari.

**Abashyitsi batangije iyo ngando**.

Ministre w'ubutabera
Vice-Président w'urukiko rw'ikirenga akaba na président w'urukiko rw'Inama ya Leta.
Vice-Président na SOCHZA , A.S.B.C w'urukiko rw'ikirenga akaba na président w'urukiko Rusesa Imanza
Intumwa ya Présidence
Perefe wa préfecture ya Kigali-Ngari
Ambassadeur wa Misili mu Rwanda
Député Deus Kagiraneza, président wa ECOSOL
Intumwa ya Musenyeri Anastase Mutabazi, ushinwzeurubyiruko muri Kiliziya Gatolika mu rwegorw'Igihugu.
Ba sous-préfet ba Kigali-Ngali
Ba bourgoumestres ba Rubungo, Bicumbi, Kanombe Gikoro n'intumwa ya bourgmestre wa Kanzenze.
Padiri ushinwze urubyiruko rwa JOC
Radio-Rwanda
Télévision Rwandaise
Abanyamakuru b'Ingando, Imvaho na Kinyamateka

## UKO IMIHANGO YAGENZE

Imihango yatangiye itinze kubera gutegereza intumwa za Ministère y'urubyiruko, Siporoumuco,no kwigisha imyuga iciriritse (MIJESCAFOP) ndetse n'iza Primature.
Sa tanu abashyitsi batambagiye mu mirima bareba ibikorwa urwo rubyiruko rumaze gukora kuko bahamaze ibyumweru bibiri. Basanze hamaze gukorwa byinshi :

- Binaje imboga nyinshi : amashu : ubutunguru,intoryi, Poivron, inyanya
- Bahinze Karoti imirima ibiri minini
- Bahinze imyungu
- Bahinzeibigori bifite isukari nyinshi bakoramo njugu
- Bahinze ibijumba hafi hegitari imwe n'igice.Ubu barimo gutegura imirima bazagemuriramo imbuto ziri muri za pépinières. Abashyitsi bamaze gusura ibikorwa hakurikiyeho amagambo ajyanye n 'uwo munsi.

Député Deus Kagiraneza, président wa ECOSOL yavuze ko iyo ngando igamije kwigisha urubyiruko gukangukira imirimo kugira ngo bitere imbere kandi bagirire n'igihugu akamaro. Yavuze ko baziga guhinga no korora byakijyambere, kwiga guhingisha ibimasa no gucura amasuka bihingisha, kubumba (Céranique) ubumenyi bijyanye n'imikorere y'amashyirahamwe, urerere mboneragihugu na Politiki ya Leta y'ubumwe bw'Igihugu. Abafashe amagambo bandi ni Président wa SOCHRA akaba na Vice-président wa ECOSOL, Perefe wa préfecture ya Kigali-Ngali, uhagarariye JOC. Ambassadeur wa

Mission mu Rwanda, Ministre w'Ubutabera, bourgmestre wa Rubungo na encadreur wa Kigali-Ngari ariwe Muhuza bikorwa w'iyo ngando. Bose basabye urwo rubyiruko kwitabira ayo masomo, gukora bashishikaje kuko umusaruro bazavana mu mabiko yabo bazawugabana, kwirinda amacakubiri, no kwitegura kazaba urumuri rwa bagenzi babo igihe bazaba basubiye mu makomini yabo.

**IBYIFUZO BYATANZWE**

- Bose basabye ko izo ngando, kubera akamazo kazo, zitahagararira aho, ko zakomeza n'ahandi mu gihugu.
- Abayobozi b'iyo ngando bifurije ko habaho imodoka ihoraho yabagoboka mu mirimo yabo
- Basabye abagiraneza kubagoboka kuko ibiryo bimaze gukendera.
- Basabye kandi n'imiti y'ubwoko bwinshi.
- Abanyeshuri basabye za bote zo kubarinda udukoko two mu bishanga.

Bikorewe Rugende ku wa 6/8/1997
Encadreur préfecture ya Kigali-Ngali

**MULIHIRAMULINZI Eugène**